

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 053/00/FIN RYO KU WA16/11/2000 RISHYIRAHO AMATEGEKO
AGENGA UMWUGA WO KUMENYESHA AMAHORO YA GASUTAMO.**

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi,

Ashingiye ku Itegeko Shingiro rya Repubulika y'u Rwanda nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane ku ngingo ya 16,6 y'Amasezerano y'Amahoro y'Arusha yashyizweho umukono ku wa 30 Ukwakira 1992, mu gice cyayo cyerekeye Igabana ry'Ubutegetsi;

Ashingiye ku itegeko ryo ku wa 17 Nyakanga 1968 ryerekeye imikorere ya Gasutamo, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane ingingo yaryo ya 9;

Ashingiye ku iteka rya Minisitiri No.08.09/Fin.4 ryo ku wa 27 Nyakanga 1968 ryerekeye imikurikirize y'itegeko ryo ku wa 17 Nyakanga 1968 ryerekeye imikorere ya Gasutamo, cyane cyane ingingo yaryo ya 22;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 18 Nyakanga 2000 imaze kurisuzuma no kuryemeza;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere:

Haseguriwe ibivugwa mu ngingo ya 4 y'iriteka, imirimo ya ngombwa kuri gasutamo mu kumenyesha amahôro ku bicuruzwa ntishobora gukorwa n'umuntu udakora umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo wemewe na Gasutamo, abikorera abandi cyangwa abyikorera ku giti cye.

Ingingo ya 2:

Ukorera abandi umurimo wo kumenyesha amahôro ya gasutamo ashobora kuba umuryango ufite ubuzima gatozi, umwe mu mirimo y'ingenzi yawo, ukaba uwo kumenyesha amahôro ya gasutamo mu izina ryawo bwite ariko ubikorera abandi.

Imenyeshya ryose ry'amahôro ya gasutamo rikozwe n'umuryango ukora umurimo wo kumenyesha amahôro ya gasutamo ku bicuruzwa byawo bwite ribanza gutangirwa uruhushya na Gasutamo.

Ingingo ya 3:

Uwikorera imirimo yo kumenyesha amahôro ya gasutamo ku giti cye ni umuryango wose ufite ubuzima gatozi wikorera ku giti cyawo bwite imirimo yo kumenyesha amahôro ya gasutamo, ubikorera ubwawo.

Ingingo ya 4:

Ntawushobora gukora umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo atemewe na Gasutamo. icyakora abantu ku giti cyabo bashobora kumenyesha ubwabo amahôro ya gasutamo ku bintu byabo bwite cyangwa ku mpano z'imiryango yabo bitagize aho bihuriye n'ubucuruzi kandi bifite agaciro kari muni y'igipimo ntarengwa kigenwa na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

Ingingo ya 5:

Kumenyesha amahôro ku bintu byimukanwa ntibishobora gukorwa n'umuntu utemewe na Gasutamo.

Ingingo ya 6:

Mu karere katarimo umunyamwuga ukorera abandi umurimo wo kumenyesha amahôro ya gasutamo, abantu ku giti cyabo bashobora kwimenyekeshereza amahôro ya gasutamo bakurikije itegeko ryerekeye imikorere ya Gasutamo kandi bagakurikiza n'amabwiriza ya Komiseri wa Gasutamo.

Ingingo ya 7:

Kwemererwa gukora imirimo yo kumenyeshereza abandi amahôro ya gasutamo bikurikiza ingingo zikurikira:

- 1) Kwerekana umwandukuro uriho umukono wa Noteri w'amategeko yashinze isosiyete cyangwa igice cy'Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda amategeko ashinga iyo sosiyete yanditse;
- 2) Kwerekana imyandukuro iriho umukono wa Noteri y'ibyemezo bitanga uburenganzira bwo gukora umurimo wo kumenyeshya amahôro ya gasutamo bitangwa na Minisitiri bireba na numero iranga usoroshwa (NIF) itangwa n'Ikigo cy'Imisoro n'Amahôro;
- 3) kwerekana inyandiko yemeza ko abakora mw'izina ry'umuryango ari abanyarwanda cyangwa se bafite icyemezo cy'uko baba mu Rwanda;
- 4) Gutanga ingwate muri banki, k'umubare ugenwa na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze kandi itangira kugira agaciro guhera umunsi umenyeshya amahôro ya gasutamo yatangiyeho imirimo ye, ikarangira nyuma y'imyaka itatu ahagaritse imirimo ye;
- 5) Kugira, mu karere akoreramo, icyicaro cy'aho akorera, konti muri banki, numero y'agasanduku k'iposita izwi, aho abarizwa hazwi n'inzu akoreramo, byemewe na Gasutamo;
- 6) Gushyira umukono ku nyandiko yemerera umukozi wa gasutamo ubifitiye ububasha, kugenzura ibitabo by'ibaruramari ry'ikigo cy'ukora imirimo yo kumenyeshya amahôro ya gasutamo no kwiyemeza kumenyeshya inyandiko zose zerekeye ibaruramari zijyanye n'imirimo akora;
- 7) Kwandika imirimo akora kuri gasutamo mu gitabo kiranga imirimo ikorwa mu mwaka wose gikurikiza urugero rwashyizweho na Gasutamo kandi akemera ko azajya akereka, igihe cyose abisabwe, umukozi wa gasutamo ubifitiye ububasha, ufite nibura intera y'umugenzuzi. Inomero mu gitabo ihuye na buri dosiye igomba kugaragara byanze bikunze ku rupapuro rw'imenyeshya;
- 8) no Kwerekana kuri buri mukozi ahaye ububasha, icyemezo cy'uko nta mwenda afite gitangwa n'ubuyobozi bw'imisoro.

Ingingo ya 8:

Ukora umwuga wo kumenyeshya amahôro ya gasutamo agomba kumenyeshya Gasutamo igihindutse cyose ku byavuzwe mu ngingo ya 7, igika cya 1,2,3,7 n'icya 8.

Ingingo ya 9:

Uruhushya rwemerera gukora umwuga wo kumenyeshya amahôro ya gasutamo rumara igihe cy'umwaka umwe, rugashobora kwongerwa buri mwaka bitagombye inyandiko.

Icyemezo cyo kwemerera kivuga mu buryo butaziguye ibiro bya gasutamo umuntu ukora umwuga wo kumenyeshya amahôro ya gasutamo ashobora gukoreramo.

Ingingo ya 10:

Kongererwa uruhushya bijyana no kwerekana impapuro z'imenyeshya z'amahôro ya gasutamo nibura 400 zakozwe mu mwaka ushize.

Ingingo ya 11:

Abashobora kwemererwa gukora umurimo wo kumenyesha amahôro ya gasutamo ku giti cyabo ni aba bakurikira gusa:

- 1) ibigo by'inganda ku bicuruzwa bya ngombwa mu byo zikoresha;
- 2) ibigo bikoresha ububiko bukonjesha na/cyangwa ibigo bicuruza imiti
- 3) n'amasosiyete acuruza ibikomoka kuri peteroli.

Ingingo ya 12:

Uruhushya rwo kwemerera ukora umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo ku giti cye rujyana no kugira ububiko bwite cyangwa amangazini y'amahimbano uretse ku bicuruzwa bikomoka kuri peteroli, no kwerekana, kuri buri mukazi ukora umwuga wo kumenyesha amahoro ya gasutamo yahaye ububasha, icyemezo ko nta mwenda afite, gitangwa n'ubuyobozi bw'imisoro.

Ingingo ya 13:

Buri muntu ukora umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo yandikwa mu gitabo cyabigenewe kibikwa na Gasutamo. icyo gihe ahabwa inomeru imuranga. Iyo nomero igomba kwandikwa buri gihe ku nyandiko zose z'imenyeshya ry'amahôro ya gasutamo.

Ingingo ya 14:

Ukora umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo, mu mirimo ye kuri Gasutamo, atiza ububasha bwe umuntu umwe cyangwa benshi bamenyesha amahôro ya gasutamo. Uruhushya rwa gasutamo kuri buri muntu umenyeshya amahôro ya gasutamo rutangwa ari uko yerekanye dosiye irimo:

- 1) Umwirondoro we;
- 2) Inyandiko yerekana ko atigeze akurikiranwa n'ubutabera;
- 3) Ishusho y'umukono we
- 4) n'icyemezo gitangwa na Komiseri wa gasutamo cy'uko abifitiye ububasha n'uburambe ku kazi bihagije.

Ingingo ya 15:

Ukora umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo niwe uryozwa na Gasutamo ibyo yakoze ubwe cyangwa abo yatumye mu rwego rwo gukora imirimo ijyana n'imenyeshya ry'amahôro ya gasutamo.

Gupakira no gupakurura ibicuruzwa biri muri gasutamo bikorwa gusa n'abakozi bapakira bakanapakurura bitwaje icyemezo kibaranga gitangwa n'ukora umwuga wo kumenyesha ari nawe ubazwa ibyo bakora.

Ingingo ya 16:

Gasutamo yambura cyangwa igahagarika uruhushya rwo gukora umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo bitewe n'impamvu zikurikira:

- 1) iyo ukora umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo atujuje ibivugwa mu ngingo ya 7, iya 10 n'iya 11 zavuzwe haruguru;
- 2) iyo umwe mu bahawe ububasha akekwa cyangwa yahaniwe ubujura cyangwa kunyereza imisoro;
- 3) iyo umwe mu bahawe ububasha cyangwa mu bakozi, akekwa cyangwa atahuweho kugura cyangwa guha ruswa ku buryo butihisha umukozi wa gasutamo;
- 4) iyo ukora umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo yatse umukiliya mu gihe yakoraga ako kazi, amafaranga aturuka ku mahôro no ku misoro y'ubwoko bwose aruta ayagombaga kwakwa nyakuri;
- 5) iyo ukora umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo yirengagije incuro nyinshi kuzuza impapuro za gasutamo nyuma y'uko abimenyeshejwe mu nyandiko;
- 6) iyo ukora umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo ku giti cye abikoreye abandi.

Ingingo ya 17:

Ukorera abandi umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo abujijwe kumenyeshereza ku rupapuro rumwe amahôro ya gasutamo ku bicuruzwa bigenewe abantu benshi akorera imenyeshya. Urupapuro rumwe rw'imenyeshya rukorerwa umuntu umwe gusa.

Ingingo ya 18:

Ukora umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo wese agomba kubika mu gihe cy'imyaka itandatu nibura, ibitabo by'imibaruro ya buri mwaka byavuzwe haruguru mu ngingo ya 7 n'izindi nyandiko zose zijyanye na buri gikorwa cyo kumenyesha amahôro ya gasutamo, kabone n'iyi yaba yaravanywe ku rutonde rw'abakora uwo mwuga.

Ingingo ya 19:

Ukora umwuga wo kumenyeshereza abandi amahôro ya gasutamo akora imenyeshya mu izina rye. Agomba kwandika mu nyuguti zose izina rye cyangwa izina ry'isosiye, ahantu hazwi uwamutumye abarizwa kimwe n'inomero imuranga muri gasutamo. Buri barura akoze agomba kuryomekaho icyemezo kimuha ububasha bwo kumenyesha amahôro ya gasutamo kerekana ko abikorera umukiliya.

Ingingo ya 20:

Ukorera abandi umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo ashobora kwemererwa, abisabye umuyobozi w'akarere ka gasutamo akoreramo, gusuzuma ibicuruzwa mbere yo kubimenyeshereza amahôro. Uko gusuzuma kugomba gukorwa hari abakozi ba gasutamo byanze bikunze.

Ingingo ya 21:

Ukorera abandi umwuga wo kumenyesha amahôro ya gasutamo, niwe wishingira kuriha imisoro n'amahôro bigombwa gasutamo.

Ingingo ya 22:

Ukorera abandi umwuga wo kumenyeshya amahôro ya gasutamo agomba kwishyura amahazabu aturuka ku bihano, nawe akaziyishyuriza umukiliya we, iyo kunyereza imisoro ariwe byaturutseho.

Ingingo ya 23:

Ukorera umwuga wo kumenyeshereza abandi amahôro ya gasutamo yemerewe kwaka umukiliya we amafaranga y'imirimo yamukoreye. Iyo mirimo ni iyi:

- 1) kubona icyemezo giherekeza ibicuruzwa;
- 2) gusuzuma inyandiko zigenewe gushingirwaho mu gukora imenyeshya ry'amahôro ya gasutamo;
- 3) gukora imenyeshya ry'amahôro ya gasutamo no kurigeza ku biro bya gasutamo;
- 4) kwerekana ibicuruzwa ku bugenzuzi bwa gasutamo;
- 5) kwandikirana na Gasutamo no kujyayo mu izina ry'umukiliya mu rwego rwo kuzuza ibisabwa na Gasutamo
- 6) no gushyikiriza uwatumije ibicuruzwa mu mahanga umwandukuro wa buri nyandiko yashyikirijwe Gasutamo mu izina rye.

Ingingo ya 24:

Ku bijyanye n'ingingo zitari muri iri teka, hakurikizwa iteka ryerekeye imikurikirize y'itegeko ryerekeye imikorere ya Gasutamo.

Ingingo ya 25:

Ingingo zose z'amateka yabanjirije iri kandi zinyuranije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 26:

Iri teka ritangira gukurikizwa guhera ku munsu ritangarijwe mu igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 16/11/2000

**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Donald KABERUKA
(sé)**

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

**Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego
Yohani w'Imana MUCYO
(sé)**

MINISTERIAL DECREE N° 053/00/FIN OF 16/11/2000, ON THE OPERATION OF CUSTOMS CLEARING AGENTS.

The Minister of Finance and Economic Planning,

Given the Fundamental Law of the Republic of Rwanda as modified and completed to date, especially Article 16.6 of the Arusha agreement on Power sharing signed on October 30, 1992;

Given the law of July 17, 1968 relating to the customs regime as modified and completed to date, especially in its article 9;

Given the Ministerial decree No.08/09/Fin.4 of July 27, 1968 stating the execution measures of the law of July 17, 1968 relating to Customs regime, especially in its article 22;

After consideration and adoption by Cabinet in its session of 18th July 2000;

DECREES:

Article 1.

Without prejudice to the provisions of Article 4 below, the necessary customs formalities for the customs clearance of goods shall be performed only by a public or a private customs agent authorised by Customs.

Article 2.

A public customs agent shall be understood to mean any legal entity whose principal activities include carrying out customs formalities in its own name, but on others' behalf.

All customs formalities carried out by a public customs agent on its own behalf shall require the prior authorization of Customs.

Article 3.

A private customs agent shall be understood to mean any legal entity that carries out customs formalities on its own behalf.

Article 4.

No person may engage in customs activities without the authorization of Customs. However, private individuals may undertake customs formalities themselves, with respect to personal property, or family consignments not of a commercial nature or valued below a limit fixed by the Minister having Finance in his attribution.

Article 5.

Customs clearance formalities for the effects in moving house may be carried out only by an authorized customs agent.

Article 6.

In any office where there is no public customs agent, private individuals may undertake customs formalities themselves for consignments valued below a limit fixed by the Commissioner of customs.

Article 7.

The following formalities must be completed prior to clearance by the public customs agent:

- (1) the submission of a certified true copy of the instrument of incorporation of the company or of the extract of the Official Journal containing its charter;
- (2) the submission of certified true copies of the instruments of authorization granted by the ministry in charge and the Tax Identification Number (TIN) issued by the Rwanda Revenue Authority ;
- (3) the submission of a document certifying that those with powers of attorney are either of Rwandese nationality or hold permits to reside in the Republic of Rwanda;
- (4) provide a bank guarantee, fixed by the Minister having Finance in his attributions, taking effect at the commencement of operations and ending three years after the cessation of activity; customs agent may be required to post an additional security for other operations;
- (5) the possession of a bank account, an official post office box, a physical address, and material infrastructure in the locality of its main office, to the satisfaction of Customs;
- (6) the signing of a declaration authorising access to the accounts of the customs agent's enterprise, by a duly authorized customs officer, including a commitment to communicate all accounting documents concerning this activity;
- (7) the recording of customs activities in an annual register of the model prepared by Customs and an undertaking to submit it, upon request, to any duly authorised customs officer of at least the grade of inspector or higher. The registration number of each file must be included in the declaration;
- (8) the possession of a tax clearance certificate, issued by the tax department, for those with powers of attorney.

Article 8.

Public customs agents shall be required to inform Customs of any change in the documents described in Article 7(1), (2), (3) and (8) above.

Article 9.

The authorization of the customs agent shall be valid for one year, renewable on an annual basis by tacit consent.

The authorization decision shall explicitly mention the customs office(s) at which customs agent may exercise his activities.

Article 10.

Any renewal of an authorization shall be contingent upon the submission of at least 400 customs declarations during the previous year.

Article 11.

Only the following may be authorised to act as private customs agents:

- (1) industrial enterprises, for the goods needed for the products they manufacture;
- (2) enterprises operating refrigerated or pharmaceutical warehouses
- (3) and oil companies.

Article 12.

The authorization to act as a private customs agent shall be subject to the establishment of a private or open bonded warehouse, excepted for petroleum products and the possessing of a RRA tax clearance certificate for those with powers of attorney.

Article 13.

All customs agents must be listed in a special register kept by Customs, whereupon they shall receive a registration number. The number must be cited in all customs declarations.

Article 14.

For their customs operations, agents shall delegate their powers to one or several declarants. Customs' approval shall depend upon the submission, for each declarant, of a file containing:

- (1) a curriculum vitae;
- (2) a copy of his police record;
- (3) a specimen signature
- (4) and a document, issued by the commissioner of customs, certifying that his personal qualification or experience is adequate.

Article 15.

Customs agents shall be civilly accountable to Customs in all customs activities undertaken by their declarant(s).

Bonded goods shall be handled solely by operators possessing an identity document issued by the customs agent, who shall assume full responsibility for such goods.

Article 16.

Customs shall withdraw or suspend an authorization in the following cases:

- (1) If a customs agent no longer meets any one of the conditions of Articles 7, 10, and 11 above;
- (2) If any one of the persons with powers of attorney has been charged with or found guilty of smuggling or tax fraud;
- (3) If any one of the persons with powers of attorney or proposed as a representative is charged with or convicted of bribing or corrupting a customs officer;
- (4) If a customs agent has credited to the account of his principal, by way of miscellaneous duties, taxes, or levies paid or remitted to Customs, amounts larger than they really should be;
- (5) If a customs agent commits repeated acts of negligence in preparing customs documents after having received a warning in writing;
- (6) If a private customs agent acts for a third party.

Article 17.

Public customs agents shall be forbidden to establish a declaration of goods intended for several principals. A declaration shall be established only for a single recipient.

Article 18.

All customs agents must keep the annual registers referred to in Article 7 above and all documents relating to each customs clearance operation for at least six years, even after its removal.

Article 19.

Public customs agents shall establish declarations in their own names. They must spell out in full their company name, the full address of their principals, and their customs registration number. They must attach to each declaration, the Order to declare proving that they are acting on behalf of their customers.

Article 20.

Public customs agents may be authorised, at the written request to the head of the local customs, to inspect in advance the goods to be declared. This inspection must legally be performed in the presence of customs officers.

Article 21.

Public customs agents shall be solely responsible for the payment of customs duties and taxes to customs.

Article 22.

Public customs agents shall be accountable to Customs for any fines in dispute, it being incumbent upon them to press charges against any of their customers responsible for fraud.

Article 23.

Public customs agents shall be authorised to charge their customers a fee for services rendered. Services rendered shall include:

- (1) obtaining the forwarding authorization;
- (2) examining documents for the purpose of drawing up the declaration;
- (3) drawing up the declaration and submitting it to the customs office;
- (4) presenting the goods for customs inspection;
- (5) corresponding and travelling on behalf of the customer to undertake customs formalities
- (6) and provide to the importer a copy of all documentation submit to the customs on their behalf.

Article 24.

Any other arrangements outside the provisions of this decree shall be handled in accordance with the customs regulations in force.

Article 25.

All other previous provisions contrary to this decree are repealed.

Article 26.

This decree comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, 16/11/2000

The Minister of Finance and Economic Planning

Donald KABERUKA

(sé)

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

The Minister of Justice and Institutional Relations

Jean de Dieu MUCYO

(sé)

ARRETE MINISTERIEL No 053/00/FIN du 16/11/2000 PORTANT STATUT DU COMMISSIONNAIRE EN DOUANE

Le Ministre des Finances et de la Planification Economique,

Vu la Loi Fondamentale de la République du Rwanda telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement l'article 16,6 de l'Accord de Paix d'Arusha du 30 octobre 1992 dans sa partie relative au Partage du Pouvoir ;

Vu la loi du 17 juillet 1968 relative au régime douanier telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 9;

Vu l'arrêté ministériel No.08.09/Fin.4 du 27 juillet 1968 portant mesures d'exécution de la loi du 17 juillet 1968 relative au régime douanier, spécialement en son article 22;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 18 juillet 2000 ;

ARRETE :

Article Premier.

Sous réserve des dispositions de l'article 4 du présent arrêté, les formalités douanières nécessaires pour procéder au dédouanement des marchandises ne peuvent être accomplies que par un commissionnaire en douane, public ou particulier, agréé par la Douane.

Article 2.

Le commissionnaire en douane public peut être toute personne morale dont l'une des activités principales est d'accomplir en son nom mais pour le compte d'autrui, des formalités douanières.

Toute formalité douanière accomplie par le commissionnaire en douane public pour son propre compte est subordonnée à l'autorisation préalable de la Douane.

Article 3.

Le commissionnaire en douane particulier peut être toute personne morale qui accomplit des formalités en douane pour son propre compte.

Article 4.

Nul ne peut agir en douane s'il n'est agréé par la Douane. Toutefois, les personnes physiques peuvent accomplir elles-mêmes les formalités en douane lorsqu'il s'agit d'objets personnels ou d'envois familiaux ne présentant aucun caractère commercial et d'une valeur inférieure à la limite fixée par le Ministre ayant les Finances dans ses attributions.

Article 5.

Les formalités de dédouanement concernant les objets de déménagement ne peuvent être accomplies que par un commissionnaire en douane agréé par la Douane.

Article 6.

Dans les bureaux où n'exerce aucun commissionnaire en douane public, les personnes physiques peuvent accomplir elles-mêmes les formalités douanières conformément à la loi douanière et dans les limites fixées par le Commissaire des Douanes.

Article 7.

L'agrément d'un commissionnaire en douane public est subordonné aux formalités suivantes :

- (1) déposer une copie certifiée conforme de l'acte constitutif de la société ou de l'extrait du Journal Officiel portant ses statuts;
- (2) produire les copies certifiées conformes des actes accordant l'autorisation d'exercer délivrée par le ministre de tutelle et le Numéro d'Identité Fiscale (NIF) délivrée par l'Office Rwandais des Recettes;
- (3) présenter un document attestant que les fondés de pouvoir sont, soit de nationalité rwandaise, soit en possession d'un visa d'établissement au Rwanda;
- (4) constituer une caution bancaire dont le montant est fixé par le Ministre ayant les Finances dans ses attributions, prenant effet lors de l'entrée en fonction et prenant fin trois ans après la cessation des activités;
- (5) disposer, dans la localité, siège des activités, d'un compte en banque, d'une boîte postale officielle, d'une adresse physique et d'une infrastructure matérielle, à la satisfaction de la Douane;
- (6) signer une déclaration autorisant l'agent des douanes compétent d'accéder à la comptabilité de l'entreprise de commissionnaire en douane et comportant l'engagement à communiquer tous les documents comptables concernant cette activité;
- (7) consigner ses activités en douane dans un registre répertoire annuel du modèle arrêté par la Douane et s'engager à le communiquer, à toute réquisition, à l'agent des douanes compétent, ayant au moins le grade d'inspecteur. Le numéro de répertoire correspondant à chaque dossier doit obligatoirement figurer sur la déclaration
- (8) et produire pour chaque fondé de pouvoir, une attestation de non-créance délivrée par le Département des Impôts.

Article 8.

Le commissionnaire en douane a l'obligation d'informer la Douane de toute modification aux éléments énumérés à l'article 7, points 1, 2, 3, 7 et 8.

Article 9.

L'agrément d'un commissionnaire en douane est valable pour un an et est renouvelable d'année en année par tacite reconduction.

La décision d'agrément mentionne expressément le ou les bureaux de douane où le commissionnaire peut exercer ses activités.

Article 10.

La prorogation de l'agrément est subordonnée au dépôt d'au moins 400 déclarations en douane durant l'année précédente.

Article 11.

Seules peuvent être agréées comme commissionnaires particuliers en douane :

- (1) les entreprises industrielles pour les matières nécessaires à la fabrication de leurs produits;
- (2) les entreprises exploitant des entrepôts frigorifiques et/ou pharmaceutiques
- (3) et les sociétés pétrolières.

Article 12.

L'agrément d'un commissionnaire en douane particulier est subordonné à la mise en place d'un entrepôt particulier ou fictif, excepté pour les produits pétroliers, et à la production pour chaque fondé de pouvoir, d'une attestation de non-créance délivrée par le Département des Impôts.

Article 13.

Tout commissionnaire en douane est immatriculé dans un registre spécial tenu par la Douane. Il reçoit à cette occasion un numéro matricule. Le numéro est reproduit obligatoirement sur toutes les déclarations en douane.

Article 14.

Le commissionnaire, pour ses opérations en douane, délègue ses pouvoirs à un ou plusieurs déclarants. L'agrément de la Douane est subordonné à la présentation, pour chaque déclarant, d'un dossier comportant:

- (1) un curriculum vitae;
- (2) un extrait du casier judiciaire;
- (3) un spécimen de signature
- (4) et un certificat émis par le commissaire des douanes, attestant de la qualification ou d'une expérience personnelle suffisante.

Article 15.

Le commissionnaire en douane est civilement responsable à l'égard de la Douane de tous les actes en douane accomplis par son ou ses déclarants.

Les manipulations des marchandises sous douane sont effectuées uniquement par des manutentionnaires munis d'un document d'identité établi par le commissionnaire en douane qui assume la responsabilité de ce personnel.

Article 16.

La Douane retire ou suspend l'agrément dans les cas suivants:

- (1) lorsque le commissionnaire en douane ne satisfait plus à l'une des conditions des articles 7, 10 et 11 ci-dessus;
- (2) lorsque l'un des fondés de pouvoir est soupçonné ou a été condamné pour contrebande ou pour fraude fiscale;
- (3) lorsque l'un des fondés de pouvoir ou des préposés est soupçonné ou convaincu de concussion ou de corruption caractérisée d'un agent des douanes;
- (4) lorsque le commissionnaire en douane a demandé à son mandant aux fins de paiement, des montants supérieurs aux droits, taxes et redevances diverses exigés par la douane ;
- (5) lorsque le commissionnaire en douane commet après, un avertissement écrit, des négligences répétées dans l'établissement des documents douaniers;
- (6) lorsque le commissionnaire en douane particulier agit pour le compte de tiers.

Article 17.

Il est interdit au commissionnaire en douane public d'établir une déclaration unique pour des marchandises destinées à plusieurs de ses mandants. Une déclaration ne peut être établie que pour des marchandises appartenant à un seul destinataire.

Article 18.

Tout commissionnaire en douane doit conserver pendant six ans au moins les registres annuels dont question à l'article 7 ci-dessus et tous les documents relatifs à chaque opération de dédouanement même après sa radiation.

Article 19.

Le commissionnaire en douane public établit les déclarations en son nom propre. Il doit indiquer en toute lettre le nom ou la raison sociale, l'adresse physique complète de son mandant ainsi que son numéro d'immatriculation à la douane. Il doit joindre à chaque déclaration une procuration prouvant qu'il agit pour le compte de son client.

Article 20.

Le commissionnaire en douane public peut être autorisé, sur demande écrite adressée au chef local des douanes, à examiner au préalable les marchandises à déclarer. Cet examen doit se faire, obligatoirement, en présence des agents des douanes.

Article 21.

Le commissionnaire en douane public est seul responsable du paiement des droits et taxes dus à la Douane.

Article 22.

Le commissionnaire en douane public est redevable envers la Douane des amendes contentieuses, à charge pour lui de se retourner contre son client si la fraude incombe à celui-ci.

Article 23.

Le commissionnaire en douane public est autorisé à percevoir de son client une rémunération pour services rendus. Par services rendus il faut d'entendre :

- (1) l'obtention du Laissez - Suivre;
- (2) l'examen des pièces servant de base pour l'établissement de la déclaration;
- (3) l'établissement de la déclaration et le dépôt de celle-ci au bureau des douanes;
- (4) la présentation des marchandises à la vérification douanière;
- (5) les correspondances et les déplacements pour compte du client dans le cadre de l'accomplissement des formalités douanières
- (6) et procurer à l'importateur, une photocopie de chaque document remis à la douane au nom de l'importateur.

Article 24.

L'arrêté ministériel portant mesures d'exécution de la loi relative au régime douanier demeure d'application pour les matières non couvertes par le présent arrêté.

Article 25.

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 26.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au journal officiel de la République Rwandaise.

Kigali, le 16/11/2000

Le Ministre des Finances et de la Planification Economique
Donald KABERUKA
(sé)

Vu et scellé du Sceau de la République :

Le Ministre de la Justice et des Relations Institutionnelles
Jean de Dieu MUCYO
(sé)